Republic
of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA



Raporo
y'Ukwezi

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

Werurwe 2026

*NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*
*Photo de couverture : Igihe.com / 2018*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*
*Tel: +250 788 383103*
*Imeyili: info@statistics.gov.rw*
*Urubuga: www.statistics.gov.rw*
*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*
*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda (PPI), Werurwe 2026.*

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 17% muri rusange,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 17,3%,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 21%.

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,1% muri rusange,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 1,8%,
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 5,2%.

***Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda***

| | 2025 | | | | | | | | | | 2026 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe |
| Ihindagurika mu mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 4,1 | 2,4 | 6,4 | 11,9 | 13,0 | 11 | 13,4 | 6,8 | 3,4 | 4,6 | 4,8 | 13,9 | 17,0 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,8 | 6,8 | 11,0 | 13,0 | 6,7 | 3,3 | 2,4 | 2,8 | 12,7 | 17,3 |
| Ibyoherezwa mu mahanga | 10,9 | 4,1 | 8,4 | 19,3 | 26,5 | 11,2 | 15,0 | 7,0 | 5,3 | 17,3 | 15,3 | 17,9 | 21,0 |
| Ihindagurika ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -0,6 | -1,8 | 2,5 | 0,6 | 1,8 | -0,4 | 2,5 | -0,8 | 0,2 | 0,6 | 1,1 | 7,7 | 2,1 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -2,2 | 2,0 | 1,6 | -0,6 | -0,9 | 3,2 | 0,4 | -0,5 | 0,0 | -0,4 | 1,3 | 8,4 | 1,8 |
| Ibyoherezwa mu mahanga | 2,4 | -8,9 | 4,5 | 3,1 | 6,4 | -6,4 | 7,0 | -1,6 | 2,0 | 9,0 | -1,3 | 1,9 | 5,2 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Werurwe 2026, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 17%, ugereranyije na Werurwe 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 34,8% ry'ibiciro by'inganda zitunganya amabuye y'agaciro, izamuka rya 15,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye ndetse n'izamuka rya 34,8% by'ibiciro by'amashanyarazi.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,1%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1,7% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye ndetse n'izamuka rya 12,2 ry'ibiciro by'inganda zitunganya amabuye y'agaciro.


© NISR

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Werurwe 2026, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 17,3% ugereranyije na Werurwe 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 16,3% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye ndetse n'izamuka rya 34,8% by'ibiciro by'amashanyarazi.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 1,8%. Ibi byatewe n'izamuka rya 1,9% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Werurwe 2026, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 21% ugereranyije na Werurwe 2025. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 34,8% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro ndetse n'izamuka rya 5,1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byazamutseho 5,2%. Ibiciro byo mu nganda zitunganya amabuye y'agaciro byazamutseho 12,2% naho ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye byagabanutseho 2,2%.


*© NISR*

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA